

Phone: (+250)252584562

Fax: (+250)252584563

E-mail: info@rura.rw

Web site: www.rura.rw

**AMABWIRIZA N°RB/RD-TR/RURA/ 21 YO KUWA/.../2021 AGENGA
IMIKORERE Y'ABAKORA UMWUGA WO GUTWARA IBINTU KU BUTAKA**

**REGULATION N°RB/RD-TR/RURA/ 21 OF/.../2021 GOVERNING THE
TRANSPORT OF GOODS BY ROAD**

**RÈGLEMENT N°RB/RD-TR/ RURA /21 YO DU/.../2021 RÉGISSANT LE
TRANSPORT DES MARCHANDISES PAR VOIE ROUTIER**

<p>AMABWIRIZA N°RB/RD-TR/RURA/ 21 YO KUWA/.../2021 AGENA IMIKORERE Y’ABAKORA UMWUGA WO GUTWARA IBINTU KU BUTAKA</p> <p>Inama Ngenzuramikorere ;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko N° 09/2013 ryo kuwa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw’Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y’inzego zimwe z’imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n’imikorere byarwo;</p> <p>Isubiye ku mabwiriza N° 006/TRANS-RURA/2011 yo kuwa 16/09/2011 akena imikorere y’umwuga wo gutwara ibintu ku butaka bw’u Rwanda;</p> <p>Imaze kubona ko ari ngombwa kunoza umwuga wo gutwara ibintu mu Rwanda;</p> <p>Ishingiye kandi ku myanzuro y’inama yo ku wa/...../2021 yahuje Urwego Ngenzuramikorere n’abafatanyabikorwa</p>	<p>REGULATION N°RB/RD-TR/RURA/ 21 OF/.../2021 GOVERNING THE TRANSPORT OF GOODS BY ROAD</p> <p>The Regulatory Board;</p> <p>Pursuant to the Law N°09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organisation and functioning;</p> <p>Having reviewed the Regulation N° 006/TRANS-RURA/2011 of 16/09/2011 governing the business of transporting goods on the Rwandan territory;</p> <p>Considering that it is imperative to improve the business of transport of goods in Rwanda;</p> <p>Based also on the recommendations of the meeting held on .../.../2021 between the Regulatory Authority and different</p>	<p>RÈGLEMENT N°.....RB/RD-TR/RURA /21 DU/.../2021 RÉGISSANT LE TRANSPORT DES MARCHANDISES PAR VOIE DE ROUTE</p> <p>Le Conseil de Régulation</p> <p>Vu la Loi n° 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l’Autorité rwandaise de régulation de certains services d’utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, ;</p> <p>Revu le Règlement N° 006/TRANS-RURA/2011 du 16/09/2011 régissant le transport des marchandises sur le territoire rwandais ;</p> <p>Considérant que le transport de marchandises au Rwanda doit être impérativement améliorée ;</p> <p>Compte tenu des recommandations de la réunion du .../.../2021 entre l’Autorité de Régulation et les parties prenantes menant</p>
--	--	---

<p>mu mwuga wo gutwara ibintu mu Rwanda;</p> <p>Imaze kuyasuzuma no kuyemeza mu nama yayo yo ku wa/...../2021; Ishyizeho amabwiriza akurikira:</p>	<p>stakeholders involved in the business of transport of goods in Rwanda;</p> <p>Upon due consideration and deliberation in its session of/...../2021;</p> <p>Hereby issues the following regulation:</p>	<p>l'activité de transport des marchandises par voie de route au Rwanda ;</p> <p>Après examen et approbation en sa séance du/...../2021 ;</p> <p>Edicte le Règlement suivant :</p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya Mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</u></p> <p>Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bw'igenzuramikorere umurimo wo gutwara ibintu ukoresheje ibinyabiziga ku butaka bw'u Rwanda ukorwamo.</p>	<p><u>Article one: Purpose of this Regulation</u></p> <p>The purpose of this Regulation is to establish a regulatory under which transport of goods by vehicles on the Rwandan territory is carried out.</p>	<p><u>Article premier : Objet du présent règlement</u></p> <p>Le présent règlement a pour objet de mettre en place un cadre réglementaire selon lequel l'activité de transport des marchandises par véhicules sur le territoire rwandais est menée.</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p>Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° Ikigo: sosiyete cyangwa koperative ifite ibinyabiziga ikagira icyemezo cy'ubucuruzi cyangwa ubuzimagatozi</p>	<p><u>Article 2: Definition of term</u></p> <p>In this Regulation, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° enterprise: company or cooperative that owns vehicles and has a business certificate or legal personality as an</p>	<p><u>Article 2 : Définitions de termes</u></p> <p>Aux fins du présent règlement, les termes qui suivent ont les significations suivantes :</p> <p>1° entreprise : société ou coopérative possédant des véhicules et ayant un certificat d'entreprise ou une</p>

<p>nk'ikora umurimo wo gutwara ibintu byemewe n'amategeko;</p> <p>2° Ikinyabiziga: Ikinyamitende gikoreshwa na moteri kigendera ku butaka, cyakorewe gutwara ibintu;</p> <p>3° Uruhushya: uburenganzira butangwa n'Urwego Ngenzuramikorere buhabwa ikigo,koperative cyangwa umuntu ku giti cye bwo gukora umurimo wo gutwara ibintu.</p>	<p>operator of the business of transporting lawful goods;</p> <p>2° vehicle: machine, which has an engine and is designed for transporting goods on land;</p> <p>3° licence: rights granted by the Regulatory Authority to an enterprise, cooperative or individual to carry out the business of transporting goods.</p>	<p>personnalité juridique qui fonctionne en tant qu'exploitant de l'activité de transport de marchandises licites ;</p> <p>2° véhicule : machine terrestre muni d'un moteur conçu pour le transport de marchandises par voie de route ;</p> <p>3° licence : droits accordés par l'Autorité de Régulation à une entreprise, coopérative ou une personne physique pour mener l'activité de transporter des marchandises.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abo aya mabwiriza areba</u></p> <p>Aya mabwiriza areba abakora umwuga wo gutwara ibintu hagamijwe inyungu hakoreshejwe ibinyabiziga bitwara ibintu ku butaka bw'u Rwanda byaba umuntu ku giti cye, sosiyete cyangwa koperative.</p> <p>Aya mabwiriza ntareba abatwara ibintu byabo bakoresheje ibinyabiziga byabo bwite, bifite ibirango by'ikigo, batari mu mwuga wo gutwara ibintu hagamijwe ubucuruzi, cyangwa uwariwe wese utwara ibintu biri muni y'ibiro magana tanu (<500 Kg) kandi ikinyabiziga cye gifite</p>	<p><u>Article 3: Scope of application</u></p> <p>This Regulation applies to persons involved in the business of transporting goods for profit-making purposes by means of vehicles transporting goods on the Rwandan territory, whether they are individuals, companies or cooperatives.</p> <p>This Regulation does not apply to persons transporting their goods by means of their own vehicles having company logos, who are not engaged in the business of transporting goods for commercial purposes, or to any person who transports goods of less than five hundred kilograms</p>	<p><u>Article 3 : Champ d'application</u></p> <p>Le présent règlement s'applique aux personnes engagées dans le transport de marchandises aux fins lucratives au moyen des véhicules transportant des marchandises sur le territoire rwandais qu'il s'agisse d'une personne physique, société ou coopérative.</p> <p>Ce règlement ne s'applique pas aux personnes transportant leurs marchandises au moyen de leurs propres véhicules ayant des logos de l'entreprise, qui ne sont pas engagées dans le transport de marchandises aux fins commerciales, ou à toute personne qui transporte des</p>

<p>ubwishingizi butari ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Intego</u></p> <p>Aya mabwiriza agamije intego zikurikira:</p> <p>1° Kunoza ubunyamwuga kubakora umurimo wo gutwara ibintu;</p> <p>2° Guharanira iterambere rya serivisi y’itwarwa ry’ibintu;</p> <p>3° Gushyiraho umurongo ngenderwaho w’ imikorere y’abatanga serivisi yo gutwara ibintu;</p> <p>4° Kunoza imitangire ya serivisi mu itwarwa ry’ ibintu.</p>	<p>(<500 kg) and whose vehicle has a commercial insurance.</p> <p><u>Article 4: Objectives</u></p> <p>This Regulation has the following objectives:</p> <p>1° improving the professionalism of persons involved in the business of transporting goods;</p> <p>2° striving for the development of goods transportation services;</p> <p>3° establishing a guideline for goods transportation service providers;</p> <p>4° improving service delivery in the transportation of goods.</p>	<p>marchandises de moins de cinq cents kilogrammes (<500 kg) et dont le véhicule a une assurance commerciale.</p> <p><u>Article 4 : Objectifs</u></p> <p>Le présent règlement a les objectifs suivants ;</p> <p>1° améliorer le professionnalisme des personnes menant l’activité de transport des marchandises ;</p> <p>2° œuvrer au développement des services de transport de marchandises ;</p> <p>3° établir une ligne directrice pour les prestataires des services de transport des marchandises ;</p> <p>4° améliorer la prestation de services dans le transport de marchandises.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMPUSHYA ZITANGWA N’IBISABWA KURI BURI RUHUSHYA</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Ibyiciro by’impushya</u></p> <p>Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gishaka gukora umwuga wo gutwara ibintu hakoreshejwe ibinyabiziga, abisabira</p>	<p><u>CHAPTER II: AUTHORIZATIONS AND REQUIREMENTS FOR EACH TYPE OF AUTHORIZATION</u></p> <p><u>Article 5: Types of authorization</u></p> <p>Individual or enterprise wishing to engage in the business of transporting goods by means of vehicles is required to obtain authorization issued by the Regulatory</p>	<p><u>CHAPITRE II : AUTORISATIONS ET CONDITIONS POUR CHAQUE TYPE D’AUTORISATION</u></p> <p><u>Article 5 : Types d’autorisation</u></p> <p>Une personne physique ou une entreprise souhaitant mener l’activité de transport des marchandises au moyen des véhicules, en demande une autorisation octroyée par</p>

<p>uruhushya rutangwa n'Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>Authority.</p>	<p>l'Autorité de Régulation.</p>
<p>Urwego Ngenzuramikorere rutanga impushya mu byiciro bibiri bikurikira:</p>	<p>The Regulatory Authority issues authorizations of the following two categories:</p>	<p>L'Autorité de Régulation octroie des autorisations de deux catégories suivantes :</p>
<p>1° Uruhushya ruhabwa ikigo;</p> <p>2° Uruhushya ruhabwa umuntu ku giti cye.</p>	<p>a) authorization granted to an enterprise;</p> <p>b) authorization granted to an individual.</p>	<p>a) l'autorisation octroyée à une entreprise;</p> <p>b) l'autorisation octroyée à une personne physique.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ibisabwa ikigo cyifuzaga gukora umurimo wo gutwara ibintu</u></p>	<p><u>Article 6: Requirements for an enterprise wishing to carry out the business of transporting goods</u></p>	<p><u>Article 6: Conditions pour une entreprise souhaitant mener une activité de transporter des marchandises</u></p>
<p>Uruhushya rwo gukora umwuga wo gutwara ibintu rusabwa hakoreshejwe uburyo bw'ikorabuhanga unyuzwe ku rubuga rw'Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>The authorization to engage in the business of transporting goods is applied for electronically through the Regulatory Authority's website.</p>	<p>L'autorisation de mener une activité de transport des marchandises est demandée par voie électronique à travers le site Internet de l'Autorité de Régulation.</p>
<p>Ikigo cyifuzaga gukora umwuga wo gutwara ibintu ku butaka bw'u Rwanda gisabwa ibi bikurikira:</p>	<p>Enterprise wishing to engage in the business of transporting goods on the Rwandan territory provides:</p>	<p>Une entreprise qui souhaite mener une activité de transport des marchandises sur le territoire rwandais fournit :</p>
<p>1° Kopi z'ibiranga ibinyabiziga bisabirwa uruhushya byanditse mu</p>	<p>1° copies of identification of the vehicles for which authorization is applied,</p>	<p>1° des copies d'identification de véhicules pour lesquels l'autorisation</p>

<p>mazina y'ikigo cyangwa ku banyamuryango ba koperative;</p>	<p>that are registered in the names of enterprise or cooperative members;</p>	<p>est demandée, qui sont immatriculés au nom de l'entreprise ou des membres d'une coopérative ;</p>
<p>2° Kopi z' ibyemezo bigaragaza ko ibinyabiziga bisabirwa uruhushya byagenzuwe;</p>	<p>2° copies of certificates attesting that vehicles for which authorization is applied have undergone a technical inspection;</p>	<p>2° des copies de certificats attestant que les véhicules pour lesquels l'autorisation est demandée ont subi un contrôle technique ;</p>
<p>3° Kopi z'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bisabirwa uruhushya;</p>	<p>3° copies of the insurance of vehicles for which authorization is applied;</p>	<p>3° des copies d'assurance des véhicules pour lesquels l'autorisation est demandée ;</p>
<p>4° icyemezo cy'uko sosiyete yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi cyangwa ubuzima gatozi bwa koperative;</p>	<p>4° a certificate of registration of a company in the register of trade or the legal personality of a cooperative;</p>	<p>4° un certificat d'enregistrement d'une société au registre de commerce ou la personnalité juridique d'une coopérative ;</p>
<p>5° Inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwiandikisha agaragara ku mugereka wa II w'aya mabwiriza;</p>	<p>5° a proof of payment of registration fee specified in Annex II to these Regulation;</p>	<p>5° une preuve de paiement des frais d'enregistrement visés en Annexe II du présent règlement ;</p>
<p>6° Parikingi yaho ikinyabiziga kibarizwa;</p>	<p>6° a parking lot where the vehicle is located;</p>	<p>6° un aire de stationnement où se trouve le véhicule ;</p>
<p>7° Kugira umubare fatizo wa ngombwa w'imodoka zitwara ibintu nk'uko bigaragara ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza;</p>	<p>7° have the required minimum number of vehicles transporting goods as specified in Annex One of this Regulation;</p>	<p>7° avoir le nombre minimal requis des véhicules transportant les marchandises tel que spécifié en Annexe Premier du présent règlement ;</p>

<p>8° Ikinyabiziga kirengeje toni eshanu kigomba kuba gifite akagabanyamuvuduko na GPS.</p> <p>Iyo hakozwe isuzuma bikemezwa ko uwasabye uruhushya arwemerewe agomba kwishyura amafaranga y'uruhushya agaraga ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibisabwa umuntu ku giti cye wifuza gukora umurimo wo gutwara ibintu</u></p> <p>Umuntu kugiti cye wifuza gukora umwuga wo gutwara ibintu ku butaka bw'u Rwanda asabwa ibi bikurikira:</p> <p>1° Kopi y'icyemezo cy'iyandikisha ry'ikinyabiziga gisabirwa uruhushya cyanditse mu mazina ya nyir'ikinyabiziga;</p> <p>2° Kopi y'icyemezo kigaragaza ko ikinyabiziga gisabirwa uruhushya cyagenzuwe;</p> <p>3° Kopi y'ubwishingizi bw' ikinyabiziga gisabirwa uruhushya;</p>	<p>8° a vehicle of over five tonnes must have a speed governor and a GPS.</p> <p>If, upon assessment, it is determined that the applicant is granted authorization, he or she must pay authorization fee specified in Annex II to this Regulation.</p> <p><u>Article 7: Requirements for an individual wishing to carry out the business of transporting goods</u></p> <p>An individual wishing to carry out the activity of transporting goods on the Rwandan territory provides:</p> <p>1° a copy of the registration certificate of the vehicle for which the authorization is applied, which is registered in the names of the vehicle owner;</p> <p>2° a copy of the certificate attesting that the vehicle has undergone a technical inspection;</p> <p>3° a copy of the insurance of the vehicle for which the authorization is applied;</p>	<p>8° un véhicule de plus de cinq tonnes doit être muni d'un régulateur de vitesse et d'un GPS.</p> <p>Si, lors de l'évaluation, il est établi que l'autorisation est octroyée au demandeur,. Ce dernier paie les frais d'autorisation prévus en Annexe II du présent règlement.</p> <p><u>Article 7: Conditions pour une personne physique souhaitant mener une activité de transport des marchandises</u></p> <p>Une personne physique souhaitant exercer l'activité de transport de marchandises sur le territoire rwandais fournit :</p> <p>1° une copie de certificat d'immatriculation du véhicule pour lequel l'autorisation est demandée enregistré au nom du propriétaire de véhicule ;</p> <p>2° une copie de certificat attestant que le véhicule a subi un contrôle technique ;</p> <p>3° une copie d'assurance du véhicule pour lequel l'autorisation est demandée ;</p>
--	--	--

<p>4° Inyemezabwishyu y’amafaranga yo kwiyandikisha agaragara ku mugereka wa II w’aya mabwiriza;</p> <p>5° Ikinyabiziga kirengeje toni eshanu (5) kigomba kuba gifite akagabanamuvuduko na GPS.</p>	<p>4° a proof of payment of the registration fee specified in Annex II to these Regulation;</p> <p>5° a vehicle weighing over five (5) tonnes must have a speed governor and a GPS.</p>	<p>4° une preuve de paiement des frais d’enregistrement visés à l’Annexe II du présent règlement ;</p> <p>5° un véhicule de plus de cinq tonnes (5) doit être muni d’un régulateur de vitesse et d’un GPS.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Imiterere y’uruhushya rwo gutwara ibintu</u></p> <p>Uruhushya rwo gutwara ibintu rugaragara ibi bikurikira:</p> <p>1° Numero y’ Uruhushya;</p> <p>2° Numero iranga Ikinyabiziga;</p> <p>3° Izina n’aho Umwikorezi abarizwa;</p> <p>4° Itariki uruhushya rwatangiweho n’igihe ruzarangirira;</p> <p>5° Aho ikinyabiziga kibarizwa;</p> <p>6° Numero ya telephone ya nyiri kinyabiziga;</p>	<p><u>Article 8: Format of authorization to transport goods</u></p> <p>Authorization to transport goods contains the following:</p> <p>1° authorization number;</p> <p>2° vehicle identification number;</p> <p>3° name and address of the transporter;</p> <p>4° date of issuance of authorization and its expiry date;</p> <p>5° location of the vehicle;</p> <p>6° vehicle owner’s telephone number;</p>	<p><u>Article 8 : Forme de l’autorisation de transport de marchandises</u></p> <p>L’autorisation de transport de marchandises contient les éléments suivants :</p> <p>1° numéro d’autorisation ;</p> <p>2° numéro d’immatriculation du véhicule ;</p> <p>3° nom et adresse du transporteur ;</p> <p>4° date d’émission et d’expiration d’ autorisation ;</p> <p>5° emplacement du véhicule ;</p> <p>6° le numéro de téléphone du propriétaire de véhicule ;</p>

<p>7° Uburemere ikinyabiziga gitwara.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Gusuzuma ubusabe no gutanga uruhushya</u></p> <p>Mu gihe usaba uruhushya yujuje ibiteganywa muri aya mabwiriza ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi y’akazi (10) uhereye igihe yashyikirije dosiye ye Urwego Ngenzuramikorere.</p> <p>Iyo Urwego Ngenzuramikorere rusanze ibyangombwa byatanzwe n’uwasabye bituzuye rumusaba kubyuzuzwa. Dosiye ituzuye ntihabwa agaciro n’Urwego Ngenzuramikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Igihe uruhushya rumara</u></p> <p>Uruhushya rwo gutwara ibintu rumara igihe kingana n’ umwaka umwe (1), urwo ruhushya rushobora kongerwa.</p>	<p>7° vehicle’s load capacity.</p> <p><u>Article 9: Assessment of applications and issuance of authorization</u></p> <p>Where the applicant for authorization fulfils the requirements provided by this Regulation, he or she receives the feedback within ten (10) working days from the date on which he or she submitted the file to the Regulatory Authority.</p> <p>Where the Regulatory Authority finds that the documents submitted by the applicant are incomplete, it requests him or her to complete them. The incomplete file is not considered by the Regulatory Authority.</p> <p><u>Article 10: Period of validity of authorization</u></p> <p>The period of validity of authorization to transport goods is one (1) year renewable.</p>	<p>7° la capacité de charge du véhicule.</p> <p><u>Article 9 : Évaluation des demandes et octroi d’autorisation</u></p> <p>Lorsque le demandeur d’autorisation remplit les conditions exigées par le présent règlement, il reçoit la réponse dans les dix (10) jours ouvrables à compter de la date de dépôt du dossier auprès de l’Autorité de Régulation.</p> <p>Lorsque l’Autorité de Régulation constate que les documents soumis par le demandeur sont incomplets, elle lui demande de les compléter. Le dossier incomplet n’est pas considéré par l’Autorité de Régulation.</p> <p><u>Article 10 : Durée de validité d’autorisation</u></p> <p>La durée de validité d’autorisation de transport de marchandises est d’un (1) an renouvelable.</p>
--	--	---

Ingingo ya 11: Kongera agaciro k'uruhushya	Article 11: Renewal of authorization	Article 11 : Renouvellement de l'autorisation
<p>Uwifuzwa kongera agaciro k'uruhushya rwo gutwara ibintu agomba kuzuza ibi bikurikira:</p>	<p>A person wishing to renew the authorization to transport goods must fulfil the following requirements:</p>	<p>Une personne souhaitant renouveler l'autorisation de transport de marchandises doit remplir les conditions suivantes :</p>
<p>1° Kopi z'ibiranga ibinyabiziga bisabirwa uruhushya byanditse mu mazina y'ikigo, ku banyamuryango ba koperative cyangwa umuntu kugiti cye;</p>	<p>1° copies of identification of vehicles for which authorization is applied registered in the names of the enterprise, for members of a cooperative or for an individual;</p>	<p>1° des copies d'identification de véhicules pour lesquels l'autorisation est demandée enregistrés au nom de l'entreprise, pour les membres d'une coopérative ou une personne physique ;</p>
<p>2° Kopi z'ibyemezo bigaragaza ko ibinyabiziga bisabirwa uruhushya byagenzuwe;</p>	<p>2° copies of certificates attesting that the vehicles for which authorization is applied have undergone a technical inspection;</p>	<p>2° des copies de certificats attestant que les véhicules pour lesquels l'autorisation est demandée ont subi un contrôle technique ;</p>
<p>3° Kopi z'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bisabirwa uruhushya;</p>	<p>3° copies of the insurance of the vehicles for which the authorization is applied;</p>	<p>3° des copies d'assurance des véhicules pour lesquels l'autorisation est demandée ;</p>
<p>4° Kwishyura amafaranga y'uruhushya agaragara ku mugereka wa II w'aya mabwiriza;</p>	<p>4° payment of authorization fees specified in Annex II of this Regulation;</p>	<p>4° un paiement des frais d'autorisation visés à l'Annexe II du présent règlement ;</p>
<p>5° Kwishyura amafaranga atangwa buri mwaka ahwanywe n'ijanisha riva ku gaciro k'ibyacurujwe agaragara ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.</p>	<p>5° an annual payment of fees equal to the percentage levied on annual turnover specified in Annex II of these regulations.</p>	<p>5° un paiement annuel du montant équivalent au pourcentage calculé sur le chiffre d'affaires annuel spécifié à l'Annexe II du présent règlement.</p>

<p><u>Ingingo ya 12: Ibyo uwahawe uruhushya agomba kubahiriza</u></p> <p>Ukora umurimo wo gutwara ibintu wahawe uruhushya agomba kubahiriza ibi bikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Kutavanga ibintu n’abantu mu kinyabiziga kimwe; 2° Kwirinda guhindura parikingi utabimenyesheje Urwego Ngenzuramikorere; 3° Kwishyura bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka amafaranga ahwanye n’ijanisha riva ku gaciro k’ibyacurujwe, ayo mafranga yishyurwa kuri konti y’Urwego Ngenzuramikorere; 4° Gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere ishusho y’umutungo yerekeranye n’imirimo yo gutwara ibintu bitarenze tariki ya 31 Werurwe ya buri mwaka. 	<p><u>Article 12: Obligations of the holder of authorization</u></p> <p>A holder of authorization to transport goods must comply with the following requirements:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° not mixing things with people in the same vehicle; 2° avoiding changing the parking lot without informing the Regulatory Authority; 3° paying fees amounting to the percentage levied on annual turnover not later than June 30 of each year, such fees are deposited to the account of the Regulatory Authority; 4° submitting to the Regulatory Authority the financial statements relating to the business of transporting goods not later than March 31 of each year. 	<p><u>Article 12 : Obligations du titulaire de l’autorisation</u></p> <p>Le titulaire d'une autorisation de transport de marchandises doit se conformer aux exigences suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° ne pas mélanger les marchandises avec les personnes dans le même véhicule ; 2° éviter de changer de parking sans en informer l’Autorité de Régulation ; 3° payer un montant équivalent au pourcentage calculé sur le chiffre d’affaires annuel au plus tard le 30 juin de chaque année, ce montant est versé au compte de l’Autorité de Régulation ; 4° soumettre à l’Autorité de Régulation les états financiers relatifs à l’activité de transport de marchandises au plus tard le 31 mars de chaque année.
<p><u>Ingingo ya 13: Uburyo ihererekanya ry’uruhushya rikorwa ku bigo na koperative</u></p> <p>Guhererekanya uruhushya bisabwa mu</p>	<p><u>Article 13: Procedure for the transfer of authorization for enterprises and cooperatives</u></p> <p>The transfer of authorization is made by</p>	<p><u>Article 13 : Procédure de transfert d’autorisation pour les entreprises et coopératives</u></p> <p>Le transfert d’autorisation se fait par voie</p>

<p>nyandiko ishyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere n’uwahawe uruhushya ku bushake, agurishije cyangwa akodesheje mu gihe kirambye;</p>	<p>means of a written request submitted to the Regulatory Authority by the holder of authorization voluntarily, whether he or she sells it or lease it on a long-term basis.</p>	<p>d’une demande écrite soumise à l’Autorité de Régulation par le titulaire d’autorisation volontairement, s’il la vend ou la loue à long terme.</p>
<p>Ihererekanya ry’uruhushya ryemezwa mu nyandiko n’Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>The transfer of authorization is approved in writing by the Regulatory Authority.</p>	<p>Le transfert d’autorisation est approuvé par écrit par l’Autorité de Régulation.</p>
<p>Mu gihe ihererekanya ry’uruhushya ryemejwe, uruhushya rugumana agaciro kangana n’igihe rwari rusigaje;</p>	<p>In case the transfer of authorization is approved, the authorization remains valid throughout the remainder of the period of its validity;</p>	<p>En cas d’approbation du transfert d’autorisation, l’autorisation reste valable pendant le reste de sa durée de validité ;</p>
<p>Uhawe uruhushya mw’ihererekanya agomba kuba yujuje ibyo uwarusanganwe uruhushya yujuje igihe yarusabaga.</p>	<p>The transferee must fulfil the same conditions as those that were required of the holder of authorization when he or she was applying for it.</p>	<p>Le cessionnaire doit remplir les mêmes conditions que celles qui étaient exigées du titulaire d’autorisation lorsqu’il en faisait la demande.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Guhindura uruhushya</u></p>	<p><u>Article 14: Modification of authorization</u></p>	<p><u>Article 14 : Modification d’autorisation</u></p>
<p>Ihindurwa ry’uruhushya rishobora gukorwa n’Urwego Ngenzuramikorere rubyibwirije cyangwa se rubisabwe na nyirarwo.</p>	<p>A modification of authorization can be made by the Regulatory Authority at its sole discretion or at the request of the holder.</p>	<p>Une modification à l’autorisation peut être effectuée par l’Autorité de Régulation à sa seule discrétion ou à la demande du titulaire.</p>
<p>Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura uruhushya mu gihe bigaragaye ko ihindurwa ry’uruhushya ari ngombwa kugira ngo hasubizwe ibi bikurikira:</p>	<p>The Regulatory Authority can modify the authorization when it is obvious that a modification of authorization is necessary to respond to the following:</p>	<p>L’Autorité de Régulation peut modifier l’autorisation lorsqu’il est évident qu’une modification de l’autorisation est nécessaire pour répondre à ce qui suit :</p>
<p>1° Iyo habayeho ihindurwa ry’amategeko, amabwiriza cyangwa se icyemezo</p>	<p>1° in the event of amendments of the laws, regulations or a court</p>	<p>1° en cas de modification des lois, des règlements ou d’une décision</p>

<p>cy'Urukiko cyafashwe gifite ingaruka ku ruhushya nyirizina;</p> <p>2° Iyo habayeho ihindurwa ry'abanyamigabane cyangwa se imiterere y'uwahawe uruhushya.</p>	<p>decision which affects the authorization itself;</p> <p>2° in the event of a change in shareholding structure or in the nature of the authorization holder.</p>	<p>judiciaire qui affecte l'autorisation proprement dite ;</p> <p>2° en cas de changement de structure d'actionariat ou de nature du titulaire d'autorisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: kwimwa uruhushya, guhagarikwa cyangwa gutesha agaciro uruhushya</u></p>	<p><u>Article 15: Refusal, suspension or cancellation of authorization</u></p>	<p><u>Article 15: Refus, suspension ou annulation d'autorisation</u></p>
<p>Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwanga gutanga uruhushya rwo gutwara ibintu mugihe usaba atujuje ibi bikurikira:</p>	<p>The Regulatory Authority can refuse to issue an authorization to transport goods if the applicant does not meet the following requirement:</p>	<p>L'Autorité de Régulation peut refuser d'octroyer une autorisation de transport de marchandises si le demandeur ne remplit pas les conditions suivantes :</p>
<p>1° Dosiye isaba ituzuye;</p> <p>2° Dosiye isaba irimo amakosa cyangwa hari aho ibyanditse byahinduriwe umwimerere;</p> <p>3° Usaba adatanze inyandiko zibura cyangwa andi makuru y'inyongera akenewe mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uherye itariki yabimenyesherejwe.</p>	<p>1° the application file is incomplete;</p> <p>2° the application file contains errors or modifications in its original content;</p> <p>3° the applicant has not provided any missing documents or additional information required within five (5) working days from the date of notification.</p>	<p>1° le dossier de demande est incomplet ;</p> <p>2° le dossier de demande contient des erreurs ou des modifications dans son contenu original ;</p> <p>3° le demandeur n'a pas fourni de documents manquant ou d'informations supplémentaires requises dans les cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de notification.</p>
<p>Mugihe usaba uruhushya atujuje ibisabwa nkuko byavuzwe haruguru, amafaranga yatanze kuri dosiye isaba ntasubizwa.</p>	<p>In the event the applicant of application does not meet the requirements described above, the fees spent on the application file</p>	<p>Dans le cas où le demandeur d'autorisation ne satisfait pas aux conditions prévues ci-dessus, les frais payés lors de la demande</p>

<p><u>Ingingo ya 16: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uruhushya</u></p> <p>Uruhushya ruhagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atatu (3) habaye ibi bikurikira:</p> <p>1° Kunanirwa kuzuza inshingano ku impamvu zidaturutse k'uwahawe uruhushya;</p> <p>2° Iyo uwahawe uruhushya asabye kuruhagarikisha byagateganyo ku mpamvu zumvikana;</p> <p>3° Kutubahiriza ibiteganywa n'amabwiriza cyangwa ibindi byemezo byafashwe n'Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>are not refunded.</p> <p><u>Article 16: Temporary suspension of authorization</u></p> <p>An authorization is temporarily suspended for a period of three (3) months in the following cases:</p> <p>1° failure to fulfil obligations for reasons beyond the control of the holder;</p> <p>2° when the holder requests a temporary suspension for reasonable grounds;</p> <p>3° failure to comply with the provisions of regulations or other decisions taken by the Regulatory Authority.</p>	<p>ne sont pas remboursés.</p> <p><u>Article 16 : Suspension temporaire d'autorisation</u></p> <p>Une autorisation est temporairement suspendue pour une durée de trois (3) mois dans les cas suivants :</p> <p>1° manquement aux obligations pour des raisons indépendantes de la volonté du titulaire ;</p> <p>2° lorsque le titulaire demande une suspension temporaire pour des motifs valables ;</p> <p>3° non-respect des dispositions réglementaires ou d'autres décisions prises par l'Autorité de Régulation.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Ihagarikwa rya burundu ry'uruhushya</u></p> <p>Ihagarikwa rya burundu rikorwa hakurikijwe ibi bikurikira:</p> <p>1° Iyo uwahagarikiwe uruhushya by'agateganyo arengeje igihe cy'amezi atatu (3) atarubahiriza</p>	<p><u>Article 17: Permanent suspension of authorization</u></p> <p>The permanent suspension takes place in accordance with the following:</p> <p>1° if the holder whose authorization is temporarily suspended exceeds the period of three (3) months without</p>	<p><u>Article 17 : Suspension définitive d'autorisation</u></p> <p>La suspension définitive intervient conformément à ce qui suit :</p> <p>1° lorsque le titulaire dont l'autorisation est temporairement suspendue dépasse le délai de trois (3) mois sans se</p>

